REPUBLIC OF RWANDA
RWANDA AGRICULTURE BOARD
Office of the Director General
Kigali- Rwanda

**AMASEZERANO Nº 1.11/........./016/LB/H.Q**

# AMASEZERANO YO KOROZA INKA MURI GAHUNDA YA GIRINKA

| | | |
|---|---|---|
| UBWOKO BW'AMASEZERANO | : | KOROZA |
| UWOROJE | : | IKIGO GISHINZWE ITERAMBERE RY'UBUHINZI N'UBWOROZI MU RWANDA (RAB) |
| UHAGARARIYE UMURYANGO WOROJWE | : | MADAMU/BWANA:.........................................................<br>Tel: ......................................................................... |
| UMUTERANKUNGA | : | LETA Y'U RWANDA/ UNDI...................................... |
| AGACIRO K'INKA | : | .................................... |
| UHAGARARIYE AYA MASEZERANO | : | MADAMU/BWANA:................................ |
| ITALIKI | | ..................................................... |

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa Gahunda ya Girinka munyarwanda igamije kuzamura imibereho y'imiryango ikennye no gutanga icyororo kugira ngo abanyarwanda bose babarirwa muri icyo cyiciro bagerweho n'iyo gahunda;

Ikigo Gishinzwe Iterambere ry'Ubuhinzi n'Ubworozi mu Rwanda (RAB)/Akarere, gihagarariwe/gahagarariwe na .........................
..........................................................................
ku ruhande rumwe;

**NA**

Bwana/Madamu/...................................................
..............................................................................
uhagarariye umuryango worojwe
Ufite N° y'indangamuntu……………………………....
............................................................................
*Utuye*
Akarere ka ............................................................
Umurenge wa .......................................................
Akagali ka ...........................................................
Umudugudu wa .....................................................
ku rundi ruhande;
Impande zombi zemeranijwe ibi bikurikira:

**INGINGO YA MBERE: IMPAMVU Y'AMASEZERANO**

Aya masezerano agenga imicungire y'inka yorojwe umuryango muri gahunda ya Girinka munyawanda.

**INGINGO YA 2: IGIHE CY'AMASEZERANO**

Igihe aya masezerano azamara ntikigenwe kuko agamije gucunga neza inka yorojwe, kwitura no guharanira kutazimya igicaniro.

**INGINGO YA 4: INSHINGANO Z'IMPANDE ZOMBI**

**4.1. Inshingano z'uworoje**

Muri aya masezerano uworoje afite inshingano zikurikira:

**1)** Kubahiriza Amabwiriza ya Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi N° 0001/2016 agenga imitangire n'imicungire y'inka zitangwa muri gahunda ya Girinka;
**2)** Gukurikirana imibereho y'inka yorojwe;
**3)** Gutanga umuti wica uburondwe, umunyu w'inka n'ibindi bikoresho by'ibanze bizafasha umuryango worojwe;
**4)** Gukurikirana igikorwa cyo kwitura;
**5)** Gutanga icyemezo cy'ishimwe k'uwituye.

**4.2. Inshingano z'uworojwe**

Umuryango worojwe ufite inshingano yo guharanira no gusigasira igihango ugiranye n'uwaworoje, kigamije kuzamura imibereho y'umuryango, kwitura no kutazimya igicaniro mu rugo.

By'umwihariko umuryango worojwe ufite inshingano zikurikira:

**1)** Kubahiriza Amabwiriza ya Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi N° 0001/2016 agenga imitangire n'imicungire y'inka zitangwa muri gahunda ya Girinka;
**2)** Kwishingira no kwita ku bijyanye n'imirire n'ubuzima bw'inka yorojwe, hagamijwe kuyifata neza, kuyirinda indwara, kuyigirira isuku, kuyivuriza igihe, kandi ukitura;
**3)** Kororera mu kiraro no guhinga ubwatsi buhagije kandi bw' ubwoko butandukanye, kugira ngo inka ibashe kubona ubwatsi buvanze kandi bufite intungamubiri yuzuye;
**4)** Kwihutira kumenyesha umukozi ufite ubworozi mu nshingano ze ku rwego rw'umurenge igihe inka irwaye kugira ngo ivurwe;
**5)** Gushaka imiti yose ikoreshwa mu kuvura inka irwaye;
**6)** Koza inka kabiri (2) mu cyumweru hakoreshejwe umuti wica uburondwe;
**7)** Guha inka ibinini by'inzoka inshuro imwe mu mezi atatu;
**8)** Gukingiza indwara hakurikijwe gahunda itangwa na serivisi ishinzwe ubuzima bw'amatungo;
**9)** Guteza inka intanga z'ubwoko bwa kijyambere;
**10)** Kugira ikayi yuzuzwamo ibyakorewe inka byose, amata ikamwa n'ibindi byose ihabwa mu rwego rwo kwita ku mibereho myiza yayo;
**11)** Igihe inka ipfuye, kumenyesha urwego rwamworoje inka ikimara gupfa;
**12)** Kumenyesha bitarenze iminsi 7 mu nyandiko urwego rw'umurenge ko inka yorojwe yabyaye ;
**13)** Gufata neza inyana cyangwa ikimasa kugeza igihe cyo kwitura;
**14)** Kutaragiza cyangwa ngo wimukane inka worojwe atabiherewe uburenganzira bwanditsen'Umunyamabanganshingwa bikorwa w'Umurenge;
**15)** Kwirinda uburiganya ubwo aribwo bwose mu micungire y'inka yorojwe;
**16)** Kudafata umwanzuro ku nka worojwe cyangwa se iyikomokaho, utagishije inama komite ya Girinka ku rwego rw'umudugudu;
**17)** Gusubiza urwego rwamworoje inka worojwe, mu gihe usanze utagishoboye kubahiriza ibiteganwa n'aya masezerano n'amategeko u Rwanda rugenderaho;
**18)** Mu gihe umuryango worojwe inka ufashe icyemezo cyo kuyisubiza Urwego rwaworoje, ubikora mu nyandiko yandikiwe umuyobozi w'urwo rwego umenyesha ko atagishoboye

kwita ku nka yorojwe, bityo akaba asaba ko urwo rwego rwayisubirana;

**INGINGO YA 5: ISESWA RY'AMASEZERANO**

Aya masezerano ashobora guseswa igihe cyose hari uruhande rutubahirije inshingano zarwo. Uruhande rwifuza gusesa amasezerano rubimenyesha urundi mu nyandiko mu gihe cy' iminsi cumi n'itanu (15) ibanziriza iseswa ryayo. Uworoje yizigamiye ububasha bwo gusesa aya masezerano nta nteguza no gufata umwanzuro ishingiye ku biteganwa n'Amabwiriza ya Minisitiri N° 0001/2016 agenga imitangire n'imicungire y'inka zitangwa muri gahunda ya Girinka, igihe cyose isanze inka yoroje iri mu kaga.

**INGINGO YA 7: UBURYOZWE**

Umuryango worojwe wirengera uburyozwe, igihe cyose gupfa cyangwa kuburirwa irengero kw'inka, bifite isanomuzi y'uburangare cyangwa ikosa ryawo.

Hatitawe ku gihe amasezerano amaze, uworoje ntacyo aryozwa igihe yasheshe amasezerano nta nteguza, mu gihe icyemezo cyafashwe kitanyuranije n'Amabwiriza agenga gahunda ya Girinka, kandi kikaba cyarafashwe hagamijwe gusigasira gahunda ya Girinka.

Uhagarariye umuryango worojwe ashobora gukurikiranwa imbere y'ubutabera mu gihe icyaha yakoze giteganywa n'amategeko ahana mu Rwanda.

**INGINGO YA 8: UBURYO BWO GUKEMURA IMPAKA**

Impaka zivutse mu ishyirwa mu bikorwa ry'aya masezerano zikemurwa mu bwumvikane bw'impande zombi. Iyo impande zombi zidashoboye kumvikana, uruhande rubangamiwe, rwiyambaza urukiko rubifitiye ububasha.

**INGINGO YA 3: AMATEGEKO AGENGA AYA MASEZERANO**

Aya masezerano agengwa n'amategeko yubahirizwa muri Repubulika y'u Rwanda.

**INGINGO YA 3:**
**URURIMI RUKORESHWA MURI AYA MASEZERANO**

Muri aya masezerano ururimi rukoreshwa ni ikinyarwanda

**INGINGO YA 9: INGINGO ZISOZA**

Ku bidashoboye guteganwa muri aya masezerano, impande zombi zemeranijwe kubahiriza ibiteganwa n'amategeko y'u Rwanda afitanye isano n'itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano.

Aya masezerano akozwe mu nyandiko ebyiri z'umwimerere zigenewe impande zigiranye amasezerano, Akarere n'Umurenge umuryango worojwe ubarizwamo, bigahwabwa kopi.

Bikorewe i…........................……………………......

Tariki ya ………………...........……………………

**Madamu/ Bwana.................................................**

**.............................................................................**

**UHAGARARIYE UMURYANGO KU RUHANDE RW'UWOROJWE**

**Madamu/ Bwana.................................................**

**.............................................................................**

**KU RUHANDE RW'UWOROJE**